**URWEGO RW'UBUTABERA**

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU MUHANGO WO KWIBUKA KU NSHURO YA 27 ABAHOZE ARI ABAKOZI B'URWEGO RW'UBUCAMANZA, UBUSHINJACYAHA NA MINISITERI Y'UBUTABERA BAZIZE GENOCIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA WA 1994

**Kigali, ku wa 28 Gicurasi, 2021**

Ba Nyacyubahiro mutandukanye muri hano;

Nshuti, bavandimwe bafite ababo twibuka kuri uyu munsi;

Mbanje kubasuhuza no kwihanganisha imiryango y'abahoze ari abacamanza, abashinjacyaha n'abakozi ba Minisiteri y'Ubutabera twibuka kuri uyu munsi. Ndashimira buri wese wabashije kwitabira uyu munsi twibukaho abari mu nzego z'ubutabera bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 muri iki gihe tugihanganye n'icyorezo cya COVID-19, cyane cyane nkashimira uwaduhaye ikiganiro. Ndabashimira kandi ubwitange mugira iyo tubiyambaje mu bikorwa bitandukanye birebana no guhangana na zimwe mu ngaruka za Jenoside yakorewe abatutsi mu rwego rw'ubutabera.

N'ubwo turi mu gihe kitoroshye cyo guhangana n'icyorezo cyugarije isi cya COVID-19 hafi umwaka urenga, ni ngombwa ko dufata umwanya wo kwibuka abacu bazize uko bavutse, mu rwego rwo kubasubiza icyubahiro bambuwe ubwo bicwaga urw'agashinyaguro ndetse tunihanganisha abarokotse, tubaba hafi, tubahumuriza ndetse tubashimira uko bakomeje gutwaza kugirango bashobore kwiteza imbere mu buryo butandukanye.

Kwibuka, kugirango duhamye ingamba kandi twiyubakemo imbaraga n'ubushobozi, kandi tubigire intego ihamye, ko twese, tugomba gukora buri kintu cyose kiri mu bushobozi bwacu, kugirango ibikorwa bibi byose, harimo kw'isonga imiyoborere mibi, byari byarakuririjwe bishingiye ku macakubiri, byagejeje kuri Genocide yakorewe abatutsi, bitazongera ukundi mu Rwanda. *Never Again.*

Iyo twibuka ibihe bikomeye bya genocide yakorewe abatutsi, imbaraga zakoreshejwe zo kuyihagarika, urugendo ruvunanye rwo kongera kubanisha neza abanyarwanda, ndetse n'inzira igoye igikomeza yo kubaka inzego zitandukanye z'Igihugu, ubukungu n'iterambere ryacyo, tugomba gukuramo imbaraga zo gukora twivuye inyuma mu kubaka u Rwanda rwacanye ukubiri nayo mateka mabi igihugu cyacu cyanyuzemo.

Nk'abantu bari mu rwego rw'ubutabera, mbona kwibuka kuri twe bituma turushaho kwiyumvisha uruhare rukomeye inzego z'ubutabera turimo zifite mu kwimakaza amahoro, ubutabera, iyubahirizwa ry'uburengazira bwa buri muturarwanda ndetse no gushyigikira ko

abantu bagira amahirwe angana, ntawe uhejwe, kuko aribyo mfundo rikomeye ryo twubakiraho u Rwanda twifuza.

Ibyo bidusaba gukora ikintu cyose kiri mu bushobozi bwacu, aho twaba turi hose, igihe ari cyo cyose, no ku buryo bwose dushoboye, dukoresha uburyo ubwo aribwo bwose dufite, kugirango twimakaze amahoro n'umutekano w'Igihugu, duharanire ubutabera nyakuri, kandi bwubahiriza uburenganzira karemano ka buri muturarwanda no guharanira ko abanyarwanda bose bagira amahirwe angana ku byo igihugu bagitezeho cyangwa kibagenera.

Abo twibuka uyu munsi kuri iyi nshuro ya 27, bagiye bahura n'ivangura ndetse n'itotezwa rikomeye mu kazi kabo bakoraga ka buri munsi, nyamara barakoraga mu nzego nk'ubugenzacyaha, ubushinjacyaha n'ubucamanza zakabaye zirenganura abarengana.

Nk'uko kandi byagiye bigarukwaho, uyu mwaka twibuka ku nshuro ya 27 wahawe insanganyamatsiko yo kwibuka twiyubaka ndetse tunahangana n'ingengabitekezo ya Jenoside n'abayikwirakwiza bifashishije uburyo butandukanye. Nk'inzego zitandukanye z'ubutabera, dukwiye guhangana nabo binyuze mu kazi kacu ka buri munsi hashakwa ibimenyetso kubakekwaho bene ibyo byaha, bagashyikirizwa inkiko kugirango ibyaha nibibahama bahanwe nk'uko amategeko abiteganya.

Mu rwego rw'ubutabera, tumaze gutera intambwe ishimishije, ndetse tunishimira ko no ku rwego mpuzamahanga mu gukurikirana no gufata abakekwaho gukora icyaha cya Jenoside yakorewe abatutsi n'ishyirwaho ry'amwe mu mategeko ahana abahakana n'abapfobya Jenocide yakorewe Abatutsi mu bihugu bimwe na bimwe mu mpande zitandukanye z'isi bigenda byiyongera.

Mbere yo gusoza iri jambo, ndabasaba ko twarebera hamwe uko twakomeza kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe abatutsi. Nk'uko nabigarutseho, urwego rw'ubucamanza rwari rufite inshingano zo gutanga ubutabera, ariko bamwe mubarugize bijanditse kandi bashyigikira ikorwa rya Jenoside, urugero ni ibyabereye mu cyahoze ari Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri mu Karere ka Musanze, aho imiryango y'Abatutsi yiciwe mu mwaka wa 1994, ndetse n'ahandi hatandukanye. Muri iyi myaka 27 ishize Genocide

yakorewe abatutsi ibaye, ibyayibayemo tubimenya ahanini kuko biba byavuzwe n'abayirokotse, ariko mu myaka iri mbere, abavuga ibyabaye bazaba bamaze gusaza cyangwa batakiriho ku buryo kubona ubuhamya n'amakuru nk'uko tubyumva ubu, bizaba bitagishoboka. Tugire umuco wo kwandika ibyo tumaze kumenya kuri Jenoside hato ejo bitazazimira burundu. Ni muri urwo rwego dufite icyifuzo cy'uko ahahoze hakorera Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, hazagirwa urwibutso rw'urwego rw'ubucamanza kugirango dusigasire amateka yasizwe na Jenoside yerekeye urwego rw'ubucamanza, hagatunganywa ndetse hakanagenzurwa k'ubufatanye na CNLG.

Mu gusoza, ndakomeza kwihanganisha ababuze ababo bakoraga mu Rwego rw'Ubutabera ndetse n'abarokotse Jenocide muri rusange, mbasaba gukomeza gukomera no kwiteza imbere, ndashimira kandi buri wese waje kwifatanya natwe muri uyu muhango wo kwibuka.

Dukomeze **Twibuke Twiyubaka.**

**Murakoze.**